



---

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE  
KAGAME

---

Igiterane ‘All Women Together” cyateguwe na Noble Family  
Church (NFC) & Women Foundation Ministries



Kigali Convention Centre

Kigali, Ku wa 11 Kanama 2023

**Nyakubahwa Ministre muri MIGEPROF,**

**Apôtre Mignonne Kabera, Umuyobozi wa Women  
Foundation Ministries,**

**Ba Nyakubahwa, Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Dear Servants of God, Dear Guests,**

**Our Rwandan Diaspora,**

**Batumirwa Bahire,**

**Muraho neza!**

- Mbashimiye ubutumire mwampaye ndetse nta kuntu nari kutabwitabira, kuko ibikorwa bya Women Foundation Ministries, bisubiza imwe mu mirongo migari tugenderaho nk'igihugu, ijyanye n'iterambere mu mibereho myiza n'ubukungu.
- Ntako bisa rero gusoreza umunsi, mu iteraniro nk'iri ry'Abategarugoli mubereye Imana n'u Rwanda!

## **Babyeyi, Bavandimwe beza,**

- Kera bavugaga ko iyo utereye impinga uyirangiza wahagiye, iyo utahasanze urugo ruzima ugwa ku gasi, naho iyo uhasanze urugo rurimo mpinganzima uba umurame.
- Ubwo u Rwanda rufite ba Mpinganzima bangana nkamwe, turahirwa.
- Ibikorwa bya Women Foundation Ministries, bifite uruhare rukomeye mu mibereho myiza n’iterambere ry’Umuryango Nyarwanda.

## **Batumirwa Bahire,**

- Nk’uko byagarutsweho n’ababaganirije muri iyi minsi mumaze mu giterane, ni byo: *“Iyo wubatse ubushobozi bw’umugore, uba wubatse umuryango, bityo ukaba uteje imbere igihugu.”*

- Ntabwo ari umugore gusa ariko, kuko kubaka umuntu nibwo butumwa twahawe twese. Ntiwakubaka isi ibereye Imana, usize umuntu, kandi ari we uyibaho akanayigenga.
- **Kuzuzwa imbaraga, Kuzamurwa no Kubaka ubushobozi rero, ni ingenzi muri uwo muhamagaro wa muntu.**

**BenImana,**

**BenURwanda,**

- Kubaho kwacu si impanuka, ubuzima bwacu bukwiye kugira intego.
- Intego nyamukuru y'ubuzima bwacu ikwiye kuba urukundo!
- Urukundo ruturange muri byose, twange ikibi, duharanire kubaka aho gusenya, maze tube rya tabaza rimurikira bose rikirukana umwijima.

- Mu rwandiko rwa mbere rwa Yohani, igice cya kane, umurongo wa 16 (**1 Yohani 4: 16**) haravuga ngo ‘Imana ni Urukundo.’
- Urukundo ni rwo shingiro rya byose, bityo tugomba kuruharanira nk’uko Bibiliya ibidutoza.
- Nk’abakristu bumva neza ijambo ry’Imana, nta na hamwe Bibiliya ivuga ko ikinyuranyo cy’urukundo ari urwango.
- Ahubwo ahatari urukundo, harangwa akenshi n’umwiriyane, kwikuza, kutubaha, kudaca bugufi no kutabasha kwishyira mu mwanya wa mugenzi wawe, kandi ibi byose binyuranye n’icyo urukundo rw’Imana rusobanuye.
- Nk’abana b’Imana, nta na rimwe ibigwi byacu bigomba kutugusha mu mutego wo kwikuza.
- **Indeed, ‘I am because you are.’**

- **Icy’ingenzi ntabwo ari jye uriho, ahubwo icy’ingenzi ni impamvu yanjye yo kubaho.** Dukwiye rero kurangwa no guca bugufi kuko uko kwikuza byirukana Imana mu buzima bwacu ni nako guca bugufi birushaho kutwegeranya n’Imana.

### **Bavandimwe,**

- **“Abagore twese hamwe”**, ari twe bari hano uyu munsu ndetse no ku isi hose, muri wa mutima w’umugore uhora ushaka kunoza, dusabwa guhuza inshingano z’umukristu, indangagaciro z’umuco, n’icyo umuryango n’igihugu bidutegerejeho – byose tukabikorana umuhate, n’umutima ukunze.
- Ubushishozi bwo kumenya guhitamo igikwiye, ni ingenzi mu kubahiriza izo nshingano zose.

- Muri wa mutima unoza rero, mukomeze no kugira uruhare, muri gahunda zigamije guteza imbere, ubuzima bw'umwana n'umubyeyi, haba mu bijyanye n'isuku, imirire n'ibindi bifasha umuntu kubaho atekanye – ndetse mwebwe mwaranabitangiye, mukomereze aho.
- Abanyarwandakazi turahirwa, kuko igihugu cyacu cyumvise rugikubita, ko ntaho wabasha kugera usize umuntu uwo ari wese inyuma.
- Turi mu isi aho hari n'abagoreka icyo Bibiliya ivuga, bakanabyifashisha mu gutsikamira umugore, bakirengagiza ko Imana itishimira ko umuntu yaremye mu ishusho yayo, ateshwa agaciro.
- Abashumba n'abandi bakozi b'Imana, mu nshingano nyinshi nziza mufite kandi dushima, harimo kwigisha ubutumwa bwiza, no kurinda abakristu mureberera.
- Abakristu namwe mukwiye kuba maso. Kwizera kwanyu rero gukwiye kujyana no gushishoza.

Twumvise ingero z'abahoterwa, kugeza naho bamburwa ubuzima.

- Duharanire kuzamurana, kurenza kwikorezanya imitwaro, ibyo ni byo bitugira abana b'Imana nyakuri.

### **Ladies and Gentlemen,**

- To lift ourselves is our mission, as nations.
- How can we all contribute, at an individual level?
- First, we must confront the fundamental questions, and make the fundamental vows.
- Who are you **really**, beneath your different roles, the different groups in which you fit? What is the **part of you** that can't be stripped back, after you peel all layers of your social identity?



- A Godly ambition is your origin. **You are God's child.** You must never forget - you are a divine intention in a human form.
- We must also wonder, **Dear Guests,** what is our service to the world, and what is its significance? Wealth for all may be the goal, but profit without service is merely exploitation; exploitation is greed, and greed is the type of sin that has ravaged our world since the dawn of time. To know the wreckage, that this lack of purpose or sense of duty, has caused across the world, one only needs to watch the news.
- Purpose is impossible without service.
- To live a life of purpose consistent with the teachings of Christ, you must have integrity: **Always do the right thing.**

## Dear Guests,

- I urge you to make the best use, of the strong governance frameworks, to which we all owe our conducive, collaborative environment.
- While Godly values are universal, the will of our own governance is known. The needs of our population are known: **national transformation, for dignity for all Rwandans.**
- If civil societies, including faith-based organisations, commit to aligning with the national priorities, and using their link to the community, to allow **all of our efforts** to converge at **all levels**, we can make of our Rwanda, the Promised Land, for which God has prepared us.

- And we are getting there. The progress achieved by the Leadership of Rwanda, its communities and families, is commendable. **Yes, the body of Rwanda was tortured and assaulted, but its spirit never did, and never will die.**
- Keep up the good work, and where granted the means by your faith and by God, may you double in efforts.
- Reka nsoze nshimira by'umwihariko Abanyarwandakazi mwese mudahwema kugaragaza urukundo, ubudahemuka, ubudaheranwa, n'ubupfura, kuko nzi neza ubwitange bwanyu.
- Intego mwifuza kugeraho iragutse, rimwe na rimwe bikaba byabasaba kwirenga, aho bikenewe. Ibi bigatuma mutiyorohera, cyangwa ngo muruhuke mutaragera kuri iyo ntego.

- Gusa ntitwawirengagiza ko kubazwa byinshi k'umugore hari aho byumvikana nk' umuhamagaro, bikarenga bamwe, bagacika intege!
- Hari n'aho wakwibaza niba uyu ari umugambi w'Imana koko ku buzima bw'umugore!
- Ukanibaza uti: “Mu gihe umugore ananiwe bigenda bite?”
- Ni izihe mbaraga zakura umugore muri uko gutsikamirwa, akajya mu butsinzi? Izo mbaraga ubwazo ni yo ntego.
- Ariko kandi ndabibutsa ko mukwiye kurenga ibyo byose, mukizirikana, mukaniyitaho, kugira ngo izo ntego muzazigereho mufite ubuzima bwiza.

- Ntibishoboka kuzuza inkongoro z'abandi, mu gihe iyawe icagase. Abawe nabo bafite inshingano zo gutuma ubuzima bukomeza, bityo bakwiriye kugira uruhare mu kuzuza inkongoro yawe, mu buryo bw' umwuka, amarangamutima n'iterambere.
- Ndasaba Imana ngo inkongoro zanyu zihore zisendereye.
- Murakoze.
- May God bless you!